**ISO 9001:2015 CERTIFIED**

**Kigali, kuwa 20 Kanama 2021**

# Iteganyagihe ryo kuva taliki ya 21 kugeza 31 Kanama 2021

## 1. Incamake

Ibicu byiganje bizatanga imvura irimo inkuba mu gihugu biteganyijwe kuva taliki ya 21 kugeza taliki ya 24 Kanama 2021 naho kuva taliki ya 25 kugeza 31 Kanama 2021 hateganyijwe ko ibicu bizagabanuka hakiyongera ibihe by'ubushyuhe bizarangwa n'izuba riringaniye. Imvura iri hejuru ya milimetero 20 iteganyijwe henshi mu ntara y'Amajyaruguru, iy'Iburengerazuba, iy'Amajyepfo no mu mujyi wa Kigali naho henshi mu ntara y'Iburasirazuba no mu Mayaga hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 10 na 20. Ingano y'ubushyuhe bwo hejuru iri hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 28 na 30 iteganyijwe mu kibaya cya Bugarama, henshi mu mujyi wa Kigali, mu Mayaga no mu turere twa Bugesera na Ngoma. Ubushyuhe buri hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 18 na 20 buteganyijwe muri Pariki y'Ibirunga. Hateganyijwe umuyaga woroheje ushyira umuyaga uringaniye uri hagati ya metero 2 na metero 8 ku isegonda mu gihugu.

## 2. Imvura iteganyijwe


Imvura iri hagati ya milimetero (mm) 0 na 50 niyo iteganyijwe mu gihugu. Nkuko bigaragara ku ikarita y'imvura iteganyijwe iri mugereka, imvura iringaniye iri hagati ya milimetero 30 na 50 iteganyijwe mu ntara y'Iburengerazuba no mu majyaruguru y'intara y'Amajyaruguru. Imvura iringaniye iri hagati ya milimetero 20 na 30 iteganyijwe mu bice byinshi by'umujyi wa Kigali, intara y'Amajyepfo, mu turere twa Ngoma na Rwamagana, mu majyepfo y'intara y'Amajyaruguru n'ibice bimwe byo mu burengerazuba bw'uturere twa Nyagatare na Gatsibo. Henshi mu ntara y'Iburasirazuba no mu gice cy'Amayaga mu ntara y'Amajyepfo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 10 na 20 naho mu burasirazuba bw'intara y'Iburasirazuba hateganyijwe imvura iri munsi ya milimetero 10. Imvura iteganyijwe hagati y'italiki 21 na 23 mu ntara y'Iburasirazuba, Amajyepfo no mu mujyi wa Kigali no hagati y'italiki ya 21 na 24 mu ntara y'Amajyaruguru n'Iburebgerazuba, nyuma hateganyijwe ibihe bizarangwa no kugabanuka kw'ibicu no kwiyongera kw'ibihe by'izuba. Imvura iteganyijwe iri ku kigero cy'impuzandengo cy'imvura isanzwe igwa (imvura isanzwe igwa iri hagati ya milimetero 0 na 50). Imvura iteganyijwe ikazumvikanamo inkuba ikaba kandi izaterwa ahanini n'ubuhehere bw'umwuka buzaturuka ku muyaga ukonje uzakomoka mu majyaruguru y'ishyamba rya Congo werekeza mu Rwanda.


## 3. Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe


Ubushyuhe buringaniye buri ku kigero cy'ubushyuhe busanzwe buteganyijwe muri iki gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Kanama 2021. Ubushyuhe bwinshi buri hagati ya 28°C na 30°C buteganyijwe mu kibaya cya Bugarama no mu bice byinshi by'umujyi wa Kigali, Amayaga no mu turere twa Bugesera na Ngoma. Ubushyuhe buri hagati ya 18°C na 20°C ni bwo bucye buteganyijwe muri Pariki y'Ibirunga. Ibisobanuro birambuye ku bushyuhe buteganyijwe muri buri karere biri mu ikarita y'ubushyuhe buteganyijwe.

## 4. Umuvuduko w'umuyaga uteganyijwe

Umuyaga woroheje ushyira umuyaga uringaniye ufite umuvuduko uri hagati ya metero 2 na 8 ku isegonda uteganyijwe mu gihugu muri iki gice cya gatatu cya Kanama. Ibisobanuro birambuye ku muvuduko w'umuyaga uteganyijwe muri buri karere biri mu ikarita.


Imvura Iteganyijwe: 21 - 31 Kanama 2021
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Gatsibo
Rubavu
Nyabihu
Gicumbi
Gakenke
Rulindo
Kayonza
Rutsiro
Ngororero
Gasabo
Muhanga
Kamonyi
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Lake_Kivu
Karongi
Ruhango
Ngoma
Bugesera
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
Imvura (mm)
< 10
10 - 20
20 - 30
30 - 40
> 40
0
30
60
120 Km


Ubushyuhe Buteganyijwe: 21 - 31 Kanama 2021
N
Lake_Kivu
Ubushyuhe (°C)
18 - 20
20 - 22
22 - 24
24 - 26
26 - 28
28 - 30
0
30
60
120 Km


Umuvuduko w'Umuyaga Uteganyijwe: 21 - 31 Kanama 2021
N
Lake_Kivu
Umuyaga (m/s)
2 - 4
4 -6
6 - 8
0
30
60
120 Km